

# LET'S DO THIS – Kinyarwanda

## COVID-19 urukingo rw'abana (imyaka 5-11)

SABA ISANGO  
UBU

### Kubera iki abana bafite imyaka hagati 5 – 11 bagomba gukingirwa COVID-19?

COVID-19 nivirusi ishobora gutera uburwayi bukomeye n'urupfu, hamwe ningorane zigihe kirekire z'amagara. Irashobora gukwirakwira byoroshe hagati yabantu kandi rimwe na rimwe ifite ibimenyetso bike cyangwa ntabyo, bityo bigatuma bigorana kumenya ko urwaye mbere yuko wanduza abandi.

Naho uburwayi bwa COVID-19 mubana akenshi buba bworoshe kurusha mu bakuru, hari impamvu zikomeye zogushigikira gukingira abana:

- Inkingo zunganira ubudahangarwa bw'umuri. Mugukingiza umwana wawe uba urimo kubarinda indwara zikomeye ziva kuri COVID-19 ningaruka zishobora kubaho igihe kirekire.
- Urukingo rufasha kandi kurinda inshuti, umuryango, abaturage, harimo n'abatishoboye bo mu myaka yose mugufasha kugabanya kwanduza.
- Urukingo rurafasha kugumisha abana mwishuri no kwitabira ibikorwa byimibereho bafite akamaro mukwiga no kwiteza imbere.

Amamiliyoni yabana kwisi hose bamaze gukingirwa COVID-19 muburyo butekanye. Ibimenyetso byerekana ko urukingo rutanga uburuzi buhebuje bwo kwirinda indwara zikomeye zituruka kuri COVID-19 ku bana kandi bigafasha kurinda umuryango wawe neza kandi utekanye.

### Ese abana bahwabwa inkingo zimeze kimwe n'amadoze ameze kimwe n'ayabantu bakuze?

**Oya.** Urukingo rwemewe ku bana bafite imyaka 5 – 11 ni Pfizer (Comirnaty) idasanzwe y'abana bato bakabaha ama doze abiri atandukanijwe nibyumweru 8.

Doze yurukingo Pfizer mu bana bafite imyaka 5-11 iri hafi icagatatu ca doze baha abantu bafite imyaka 12 nirenga. Iyi doze nke ikoreshwa muri iri itsinda ry'iyi myaka kubera ko ishobora kuzuza urwego rw'uburuzi mu bana bungana nubwa doze ihawe abantu bafite imyaka 12 nirenga.

### Ese ingaruka mbi kubana zimeze kimwe nizabakuru?

**Yego.** Abana bashobora kugira ingaruka mbi zimeze kimwe nizabakuru zisanzwe nyuma yukobona urukingo rwa COVID-19.

Izi ngaruka mbi akenshi ziba zoroshe kandi inyuma yumunsi umwe cyangwa ibiri ziba zagiye kandi zikubiyemo:

- Umutwe kubabara
- Umuriro no gukonja
- Umuruho / umunaniro
- Kubabara inyama zumubiri hamwe nukubabara ukuboko aho bateye urushinge

Ingaruka mbi zoroheje nibisanzwe kandi zirerekana yuko ubudahangarwa bwumubiri bw'ifashe neza kubera urukingo. Ingaruka mbi zikomeye ziva kunkingo ntabwo zikunze kubaho, hamwe nuko ibyago by'izo ngaruka mbi biba biri hejuru cyane igihe umuntu yafashwe na COVID-19. Iyo ingaruka mbi zikomeje cyangwa ukagira amakenga, vugana na GP wawe.

## Ibyago byingaruka mbi ikomeye bisobanura ko ntabwo ngomba gukingiza umwana wanje?

**Oya.** Inkingo zose za COVID-19 zikoreshwa muri Australia ziratekanye kandi zarageragejwe kuburyo bukomeye kandi zarasuzumwe na Therapeutic Goods Administration (Ubuyobozi Bwibicuruzwa Bivura (TGA)) na Australian Technical Advisory Group on Immunisation (Itsinda Ngishwanama Ryubuhanga ku Gukingira muri Australia (ATAGI)).

Abana barenga imiliyoni 5 muri USA nizindi miliyoni ahandi kwisi bafite imyaka 5 – 11 bamaze gufata urukingo rwa COVID-19 kuburyo butakanye kugeza ubu.

## Ese, urukingo rwa COVID-19 ruzagira ingaruka mbi ku mikurire yumwana wanje, iterambere rye cyangwa uburumbuke bwe buzaza?

**Oya.** Ntakimenyetso kyerekenye yuko urukingo rwa COVID-19 rushobora kugira ingaruka ku mikurire yumwana niterambere rye.

Ingaruka ndende zituruka kuri COVID-19 zirashobora kugira ingaruka zirambye kubuzima no kumibereho myiza. Ibyago byingorane zikomeye ziva kuri virusi birarenze ingaruka zoroheje zo gukingirwa.

## Ese umwana wanje agomba gukingirwa niba yaramaze kurwara COVID-19?

**Yego.** Abana bamaze kurwara COVID-19 bagomba guhabwa urukingo bamaze gukira indwara yabo kugirango birinde kongera kurwara.

## Umwana wanje ashobora gukingirwa ntabitangiye uruhusha?

**Oya.** Abana bafite imyaka 5 – 11 bagomba kugira uruhusha rw'umubyeyi cyangwa rw'umurezi wemewe namategeko kugirango bahabwe urukingo rwa COVID-19.

Kubyemera ningombwa igihe cyugusaba isango, kandi igihe cy'isango. Niba umubyeyi cyangwa umurezi adashobora kuza kwisango n'umwana, bagomba guhitamo undi muntu mukuru kuba ahari mumwanya wabo igihe cyukuzura kubyemera ku rubuga igihe cyugusaba isango.

Amirondoro yumuntu mukuru watoranijwe guherekeza umwana agomba gutangwa igihe cyugusaba isango kugirango akaranga kabo nuruhushya rw'ukwemera gutanga icyemezo mu mwanya wababyeyi bishobore kwemezwa umunsi wisango.

Kuzindi nkuru zijanye nukubyemera, sura: [Vaccination consent FAQs for parents and guardians](#).

## Ese, gukingira COVID-19 ni itegeko kubana (harimo kwishuri na siporo nibindi)?

**Oya.** Gukingira COVID-19 ntabwo ari itegeko, ariko birashishikarizwa cyane.

Ntabwo ari ngombwa kubana guhabwa urukingo rwa COVID-19 kugirango bitabire ibikorwa byishuri cyangwa bya siporo zabaturage.

## Ese umwana wanje arashobora guhabwa urukingo rw'inyongezo rukomeza?

**Oya.** Kire yibanze yurukingo izana ubudahangarwa bw'umubiri bukomeye mubantu bakiri bato.

ATAGI izareba niba doze yinyongezo ikomeza izaba ikenewe kuri iri itsinda ry'iyimyaka mugihe kizaza.

## Ese abana bazakingirwa COVID-19 kwishuri?

**Oya.** Sabira umwana wawe isango ryo guhabwa urukingo kwa GP wawe, kuri faramasi yakarere kawe, kuri Aboriginal Community Controlled Health Service cyangwa kuri kiliniki yo gukingira ya NSW Health.

## Nigute wasaba isango?

Ababyeyi barashishikarizwa gusaba isango ry'urukingo rw'umwana wabo vuba bishoboka.

**Saba isango none ku rubuga (online)** - [www.nsw.gov.au/COVID-19/vaccination/get-vaccinated](http://www.nsw.gov.au/COVID-19/vaccination/get-vaccinated)

**Hamagara kugirango usabe isango:** Booking Helpline: 1800 57 11 55 / Translating and Interpreting Service (Serevisi yabasobanuzi n'abahinduzi (TIS)) 13 14 50.